

Ubuzima

Ubuzima si igicuruzwa cyangwa igikinisho cyo gutezwa urusimbi ; ntabwo uzongera kubura ukwo yivuzwa ngo ni uko adafiteyeho amafaranga ako kanya. Tuzahatanira ko ibigo by'ubuzima byegera abaturage kandi hakigwa uburyo Leta yafasha abakene nyakujya mu kwivuzwa.

Ibidukikije

Ntituzaraga abana b'acu Urwanda rw'ubutayu. Ibyo dukora byose bigomba guteganyiriza uruburuzi rwacu, ari rwo Rwanda rw'ejo. Nta buzima bwiza bushoboka ibidukikije birimo byangizwa. Amashyamba azarindwa kandi buri murengi usabwo gufatanywa n'uruburuzi gutera ibiti byinshi n'abana bavuka kuri uwo Murenge buri mwaka.

Politiki mpuzamahanga

Ibyo u Rwanda rwakoreye Kongo ni amahano. U Rwanda ruzagira n'amahanga umubano uzira uburuzi, ubwiruzi cyangwa gukoresha ubuhezanguni bushingiye ku bwoko. Tuzateze imbere kugendererana, guhahirana no kwagura amasoko.



Ishyamba FDU-Inkingi ryiyemeje lero:

1. gukora ibishoboka byose ngo u Rwanda rubone ubutegetsi bugendera ku mategeko kandi bushingiye kuri demokarasi isesuye mu ruhando rw'amashyamba menshi.
2. gukora ibishoboka byose ngo habeho Inama Ngoboka Gihugu (Dialogue interwandais) idahenze yahuze Abanyarwanda b'ingeri zose, kugira ngo bumvikane k'ubutegetsi n'ubuyobozi bubanogeye,
3. guca burundu umuco wo kudahana, tugaharanira kugeza ku Banyarwanda ubutabera butaziguye, bwubahiriza uburenganzira bwa buri wese, kandi buteganywa impozamarira ku barokotse bese nta kuvangura.
4. gusezerera burundu ivangura iryo ari ryo ryose n'aho ryaturuka hose no gushyiraho ingamba zihashya ubusumbane, ahubwo zihagira amahirwe angana buri wese, hakimazwa uburinganire hagati y'Abanyarwanda.
5. guharanira itahuka ry'impunzi z'Abanyarwanda zandagaye hirya no hino mu mahanga, kimwe no gushyiraho ingamba zo kuzisubiza mu buzima busanzwe.
6. kuzahura ubukungu bw'igihugu bwahungabanyeye,
7. kurandura burundu politiki ya gashozantambara, ya rusahuzi na mpatse ibihugu ya FPR-Inkotanyi yigaruriye ubutaka bw' ibihugu by'abaturanyi, ahubwo tugaharanira ko amahoro n'umutekano byakongera kuranga akarere k'iwacu.



INKINGI
FORCES DEMOCRATIQUES
UNIFIEES

INCAMAKE YA
GAHUNDA Y'ISHYAKA



Tel: 0031 623075674
00250 785836000
E-mail: info@fdu-udf.org
Web: <http://www.fdu-udf.org>

United Democratic Forces

Ishyaka ryacu ryitwa INKINGI



Inkingi ya **Demokarasi**; inkingi y'**Ubumwe** bw'Abanyarwanda; inkingi y'**ubutabera**; inkingi y'**amajyambere**. Tuzaniye abanyarwanda ubushake bwo gufatanya nabo gushyiraho ubutegetsi bubaha ijambo, tugafatanyaga gushyiraho ubuyobozi burengera kandi bukarenganura buri muntu, bubungabunga ubuzima bwa buri muntu kandi bukamuha uburyo bwo kwivana mu bukene no mu bujiji.

Amahame y'Inkingi

Kwishyira ukizana kwa buri muntu; kudasumbana imbere y'amategeko; kutokamwa n'ubujiji kandi ufite ubwenge bwo kwongera ubumenyi; kudahera mu butindi kandi ufite imbaraga zo gukora; gushobora kwihitiramo abagutegeka nta gitugu ushyizweho kandi ukagira uruhare mu byemezo bafata; kwishyikira ku bategetsi no kwegerezwa ubutegetsi; kugira ishema mu bandi ntugende wububa, no kutumva uri nyakamwe ngo wigunge kandi ufite abaturanyi mwagombye gusangira akabisi n'agahiye.

Kw'isonga tuzahatanira ko n'abatagira kivugirwa na kirengera barenze 90% by'abanyarwanda bagira ijambo. Abo ni Abanyacyaro bagizwe cyane cyane **n'abahinzi-borozi, Abirukanwa mu mijyi** kubera ko nta mikoro no kubura ababatangira ingwate zatumye bahabwa imyenda n'amabanki yatuma bakemura amaniza bashyirwaho; **Abakozi** bavutswa akazi kandi bagashoboye, kubera irondakoko, irondakarere cyangwa kuba barigishijwe mu gifaransa, **urubyiruko** ruteshwa igihe mu mashuri kubera kwiga mu cyongereza nta balimu rufite.

Genocide n'ubundi bugome bwabaye mu Rwanda bwateye icyasha n'inkovu nyinshi mu Banyarwanda, burabatandukanya. Ni yo mpamvu tuzaharanira **Inama Ngobokagihugu** izaba uruvugiro rwo kwigurira nta gufukiranwa, buri wese akimara agahinda. Iyo nama izahurirwamo

n'abanyarwanda b'ingeri zose izasuzuma ibintu bikurikira : **impamvu zateye amarorerwa yabaye mu Rwanda, abagize uruhare muri ayo marorerwa bose, uburyo bwiza bwo gukoresha ubutabera no gushakira impozamalira abahohotewe bose, kureba ingamba zashyirwaho ngo amakimbirane atazasubira.** Abanyarwanda bazashakira hamwe ukwo bashyiraho ubutegetsi bubabereye kandi budahumbya mu kurengera ubuzima – gusugira no gusagamba kwa buri muntu, nta muryango wikanga kurimburwa. Abahoze bayobora u Rwanda bazasubizwa icyubahiro cyabo, kandi bahabwe uruhare mu kwunga abanyarwanda.

Kwibuka

Twibuke Twese, ariko twibuke twubaka; twibuke ibyabaye, ariko amaso tuyahange ejo hazaza.

Imfubyi n'abapfakazi

Imfubyi zose, abapfakazi bose bagomba kwitabwaho; impfubyi za genocide n'impfubyi z'ubundi bwicanyi zizitabwaho by'umwihariko.

Ubutabera

Ubutabera ni igipimo cya Demokarasi. Tuzaharanira ubucamananza bujyanye n'ubutabera, butarobanura cyangwa ngo bube igikoreshe cyo guhohotera no kurenganya abatavugaga rumwe n'ubutegetsi. Gacaca zizavaho zisimbuzwe Inkiko zisanzwe. Amategeko azarengera buri muntu wese; niyo mpamvu abangamiye itangazamakuru n'imiryango yigenga itabogamiye kuri leta azavanwaho.

Inzego z'ubutegetsi

Inzego z'ubutegetsi zizaba inzego abanyarwanda b'amoko yose n'uturere twose bibonamo. Inzego z'umutekano zizaba nazo ari inzego abanyarwanda b'amoko yose n'uturere twose bibonamo, kandi koko zihumuriza abatwaga bese.



Ingabo z'igihugu

Ingabo z'igihugu zizahabwa ubushobozi butuma zirengera **ubusugire bw'igihugu n'umutekano w'abatwaga**; ntizongera kwivanga muri politiki, zizarushaho kugira icyizere cy'abatwaga; ntizizaba iz'ishyaka cyangwa iz'umuntu uri ku butegetsi. Ibyo ni byo bizatuma abanyarwanda batongera guhunga igihugu cyabo.

Uburezi

U Rwanda nta mabuye y'agaciro na petroli rugira. Tuzateza imbere uburezi n'indimi zizatuma abanyarwanda bashobora kuvugana n'abatwanyi no gutembera kw'isi hose, aho bashobora kubona imirimo mu by'ubukungu n'ikorabuhanga. Amategeko yo guhindura abantu ibiragi ngo ni uko batavugaga urulimi uru n'uru azavaho, higwe indimi nyinshi zirimo **ikinyarwanda, indimi z'abatwanyi** n'iz'amahanga cyane cyane Igiswayili, Igifaransa, n'Icyongereza. Hazaba gahunda idasanze yo kwigisha abatazi **gusoma no kwandika**. Tuzateza imbere **amashuri y'ikorabuhanga** ku buryo by'ibuzze 70% by'abasore n'inkumi bageze ku myaka 18 bafite umwuga ushobora kubatunga. Za Kaminuza ntizizahalirwa gusa indobanure n'ubwo zo zizahabwa uburyo bwo gushyiraho akarusho.

Ubukungu n'iterambere

Twahisemo guteza imbere ubukungu butuma buri muntu ashobora gutungwa n'umwuga we kandi akagira imibereho myiza. Kwongera imyuga utongeye ubukungu mu cyaro ngo abanyarwanda babone ubushobozi bwo guhaha ibyo bakeneye n'ibyo abanyamyuga bakora ntacyo bimaze. Ariko, nk'ukwo utahatira umuntu gucuruza icyo adashaka, ntiwahatira umuhinzi ikitamufitiye akamaro. Tuzakoreshe politiki y'agahimbaza musyi n'ikorabuhanga bikangulira umuhinzi-mworozi kwitabira ibihingwa byongera umusaruro n'umutungo, adahohotewe cyangwa ngo ashirwe ku ngoyi.

